REPUBLIC OF RWANDA

RWANDA UTILITIES REGULATORY AGENCY
P.O. BOX 7289 KIGALI
PHONE: +250 252 58 45 62 ; FAX: +250 252 58 45 63
E-mail: arms@rwanda1.com
Website : www.rura.gov.rw

AMABWIRIZA Nº005/TRANS-RURA/2011 YO KUWA 26/08/2011 AGENA IMIKORERE Y'UMURIMO WO GUTWARA ABANTU KU BUTAKA BW'U RWANDA

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: **INGINGO RUSANGE** 3

Ingingo ya 1: Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa muri aya mabwiriza 3
Ingingo ya 2: Intego 4
Ingingo ya 3: Abo bireba 4
Ingingo ya 4: Imikorere y'abatwara abantu 4
Ingingo ya 5: Konti ishyirwaho amafaranga ateganywa muri aya mabwiriza 4
Ingingo ya 6: Gukora umurimo wo gutwara abantu ku butaka 4

UMUTWE WA 2: **IMPUSHYA N'IBISABWA MU KUZITANGA** 4

Ingingo ya7: Amoko y'impushya 4
Ingingo ya 8: Igihe cyo gutanga uruhushya 5
Ingingo ya 9: Uburyo bwo gutwara abantu hakoreshejwe imodoka ..... **Error! Bookmark not defined.**
Ingingo ya 10: Ibisabwa mu gutanga uruhushya ku kigo gitwara abantu mu buryo rusange 5
Ingingo ya 11: Ibisabwa mu kongera uruhushya rw'Ikigo gitwara abantu mu buryo rusange 6
Ingingo ya 12: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange kuri sosiyete y'inyamahanga 6
Ingingo ya 13: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange ku muntu ku giti cye 7
Ingingo ya 14: Kongera uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange ku muntu ku giti cye 7
Ingingo ya 15: Ibisabwa Ikigo cyifuza uruhushya rwo gutwara abantu ku buryo bwihariye 8

Ingingo ya 16: Ibisabwa umuntu ukora ku giti cye wifuza uruhushya rwo gutwara abantu ku buryo bwihariye 8
Ingingo ya 17: Imiterere y'amabara aranga ibinyabiziga bikora umurimo wo gutwara abantu 9
Ingingo ya 18: Ibisabwa ibigo bitwara abantu kuri Moto 9
Ingingo ya 19: Ibisabwa mu kongera uruhushya rwo gutwara abantu kuri Moto mu buryo bw'ibigo 9
Ingingo ya 20: Ibisabwa mu guhabwa uruhushya rwo gutwara abantu kuri moto ku bakora ku giti cyabo 10
Ingingo ya 21: Ibisabwa mu kongera uruhushya rwo gutwara abantu ku bantu bakora ku giti cyabo 10
Ingingo ya 22: Ibisabwa mu guhabwa uruhushya rw'igihe gito 10
Ingingo ya 23: Ikodeshwa ry'ibinyabiziga by'abakora mu buryo bw'ibigo 11

UMUTWE WA 3: **UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'ABAKORA UMURIMO WO GUTWARA ABANTU** 11

Ingingo ya 24: Ibyo abakora umurimo wo gutwara abantu bagomba kubahiriza 11
Ingingo ya 25: Igihe uruhushya rubuze cyangwa rwangiritse 11
Ingingo ya 26: Impamvu zituma umuntu yamburwa uruhushya 12
Ingingo ya 27: Uburyo bwo kwambura uruhushya rwo gutwara abantu 12
Ingingo ya 28: Itariki ntarengwa yo kongeresha uruhushya 12
Ingingo ya 29: Guhagarika umurimo wo gutwara abantu 12
Ingingo ya 30: Gusaba uruhushya rwo gutwara abantu nyuma yo guhagarika uwo murimo 12
Ingingo ya 31: Kujuririra icyemezo cy'Ikigo Ngenzuramikorere 13
Ingingo ya 32: Ibikorwa binyuranye n'aya mabwiriza 13

UMUTWE WA 4: **ISHYIRWAHO RY'IBICIRO MU GUTWARA ABANTU** 13

Ingingo ya 33: Ishyirwaho ry'ibiciro mu gutwara abagenzi 13
Ingingo ya 34: Ibihano 13

UMUTWE WA 5: **INGINGO ZISOZA** 14

Ingingo ya 35: Ivanwaho 14
Ingingo ya 36: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa 14

UMUGEREKA WA MBERE : **IMITERERE Y'IBYAHA N'IBIHANO BYABYO KU BAKORA UMWUGA WO GUTWARA ABANTU KU GITI CYABO** 15

UMUGEREKA WA KABIRI : **IMITERERE Y'IBYAHA N'IBIHANO BYABYO KU BAKORA UMWUGA WO GUTWARA ABANTU MU BURYO BW'IBIGO** 17

AMABWIRIZA Nº005/TRANS-RURA/2011 YO KUWA 26/08/2011 AGENA IMIKORERE Y'UMURIMO WO GUTWARA ABANTU KU BUTAKA BW'U RWANDA

Inama Ngenzuramikorere ya RURA mu nama yayo yo kuwa 26 Kanama 2011;

Ishingiye ku Itegeko nº 39/2001 ryo kuwa 13/09/2001 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura Imikorere y'Inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro cyane cyane mu ngingo zaryo za: 1, 3, 5, n'iya 6;

Ishingiye ku Itegeko n°07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi;

Ishingiye ku itegeko nº 50/2007 ryo ku wa 18/09/2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'amakoperative mu Rwanda;

Ishingiye kandi ku Iteka rya Minisitiri n° 4/DC/04 ryo kuwa 07/06/2004 rigena umusanzu urihwa buri mwaka n'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro;

Isubiye ku Cyemezo nº 16/TR-RURA/2008 cyo kuwa 17/12/2008 kigena imikorere y'abakora umurimo wo gutwara abantu mu Rwanda;

Ishingiye kandi ku myanzuro y'inama yo ku wa 10/11/2010 yahuje Ikigo Ngenzuramikorere n'abarebwa n'umurimo wo gutwara abantu,

Inama Ngenzuramikorere yemeje amabwiriza agenga imikorere y'umurimo wo gutwara abantu ku butaka bw'u Rwanda akurikira:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya 1: Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa muri aya mabwiriza

Uretse ibiteganyijwe ukundi mu yandi mategeko cyangwa mu bindi byemezo, amagambo akurikira afite ibi bisobanuro:

a) **"Gutwara abantu mu buryo bwa rusange"** bivuga gutwara abantu mu buryo butarimo amasezerano yo gutwara umugenzi ku giti cye;
b) **"Gutwara abantu mu buryo bwihariye"** bivuga gutwara abantu mu buryo bw'amasezerano yo gutwara umugenzi ajyanye n'uburyo iryo twarwa rigomba kugenda;
c) **"Ikigo"** bivuga sosiyete yanditse mu gitabo cy'ubucuruzi nk'ikora umurimo wo gutwara abantu cyangwa Koperative ifite ubuzimagatozi,
d) **"Ikigo Ngenzuramikorere"** bivuga ikigo gifite mu nshingano zacyo kugenzura inzego zimwe z'imirimo n'imwe ifitiye Igihugu akamaro (**RURA);**
e) "**Inama Ngenzuramikorere"** bivuga Urwego rukuru rugenzura imikorere y'Ikigo Ngenzuramikorere
f) "**Kongera uruhushya"** bivuga kongera agaciro ku ruhushya nyuma y'igihe rwateganyirijwe kumara

Ingingo ya 2: Intego

Aya mabwiriza agena imikorere y'umurimo wo gutwara abantu ku butaka bw'u Rwanda hifashijwe ikinyabiziga (imodoka cyangwa moto).

Ingingo ya 3 : Abo bireba

Aya mabwiriza areba abantu ku giti cyabo n'ibigo by'ubucuruzi bikora cyangwa byifuza gukora umurimo wo gutwara abantu ku butaka bw'u Rwanda.

Umuntu cyangwa Ikigo kitanditswe mu Rwanda ariko kikaba gifite ishami (bureau) mu Rwanda cyifuza gukora umurimo wo gutwara abantu ku butaka bw'u Rwanda kibisabira uruhushya rutangwa n'Ikigo Ngenzuramikorere.

Ariko Umuntu cyangwa Ikigo gikora umurimo wo gutwara abantu cyifashishije ubutaka bw'u Rwanda nk'inzira inyuzwamo abagenzi kugira ngo bagere aho bajya, ntibarebwa n'aya mabwiriza igihe cyose batafashe abagenzi bari ku butaka bw'u Rwanda.

Umuntu cyangwa Ikigo gifite uruhushya rwo gutwara abantu gikora mu buryo bwa express, ntiyemerewe gutwara abantu mu nzira uretse aho gifite ibiro.

Ingingo ya 4: Imikorere y'abatwara abantu

Abatwara abantu bashobora gukora mu buryo bw'Ikigo cyangwa umuntu ku giti cye.

Ingingo ya 5: Konti ishyirwaho amafaranga ateganywa muri aya mabwiriza

Amafaranga yose ateganywa mu mabwiriza agenga abakora umurimo wo gutwara abantu ashyirwa kuri konti **n° 120.11.27** y'Ikigo Ngenzuramikorere iri muri Banki Nkuru y'u Rwanda (B.N.R).

Ingingo ya 6: Gukora umurimo wo gutwara abantu ku butaka

Umuntu wese cyangwa Ikigo gikora umurimo wo gutwara abantu ku butaka kigomba kubisabira uruhushya Ikigo Ngenzuramikorere mbere yo gutangira uwo murimo.

UMUTWE WA 2: IMPUSHYA N'IBISABWA MU KUZITANGA

Ingingo ya7: Amoko y'impushya

Ikigo Ngenzuramikorere gitanga impushya ziri mu bwoko butatu (3):

1. Uruhushya rumara igihe cy'imyaka ibiri ruhabwa ikigo gikora umurimo wo gutwara abantu gikoresheje imodoka,
2. Uruhushya rumara umwaka umwe ruhabwa abakora uwo murimo ku giti cyabo,
3. Uruhushya rumara igihe kiri munsi y'umwaka ruhabwa abifuza gutwara abantu mu gihe gito ;

Ingingo ya 8: Igihe cyo gutanga uruhushya

Mu gihe usaba uruhushya yujuje ibisabwa, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Ngenzuramikorere amuha uruhushya mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7).

Iyo icyo gihe kirenze usaba yandikira Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Ngenzuramikorere asobanuza impamvu zatumye adahabwa uruhushya

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Ngenzuramikorere niwe utanga impushya zikubiye muri aya mabwiriza.

Ingingo ya 9: Uburyo bwo gutwara abantu hakoreshejwe imodoka

Uburyo bwo gutwara abantu hakoreshejwe imodoka buri mu byiciro bikurikira:

1. Gutwara abantu mu buryo bwa rusange (public transport/transport en commun)
2. Abatwara abantu mu buryo bwihariye (special transport/transport special)

Icyiciro cya mbere: Ibisabwa mu gutanga uruhushya ku batwara abantu mu modoka mu buryo bwa rusange (public transport/ transport en commun)

Ingingo ya 10: Ibisabwa mu gutanga uruhushya ku kigo gitwara abantu mu buryo rusange

Ikigo cyifuza uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange kigomba gushyikiriza Ikigo Ngenzuramikorere ibaruwa yandikiwe Umuyobozi Mukuru ibisaba iherekejwe n'ibi bikurikira:

1. Urupapuro rwujujwe neza n'ubuyobozi bw'Ikigo gisaba uruhushya;
2. Kugaragaza ubushobozi bwite bwo gutangira gukora umurimo wo gutwara abantu bushingiye ku mubare w'ibinyabiziga mu buryo bukurikira:

Ubwoko bw'ibinyabiziga	Umubare
Bisi nini	3
Bisi nto	6
Imodoka nto (taxi cabs/taxi voiture)	7
Pick-up	7
Jeep	7
Ubwoko buvanze	7

3. Amategeko shingiro n'icyemezo gitanga ubuzimagatozi iyo ikigo ari koperative;
4. Ubwishingizi bwo gutwara abantu bishyura ku binyabiziga bizakoreshwa ;
5. Indangamimerere z'ibinyabiziga (carte jaune) zanditse mu mazina y'Ikigo cyangwa abanyamuryango bacyo ;
6. Icyemezo kigaragaza ko ibinyabiziga ari bizima (certificat de controle technique)
7. Icyemezo kigaragaza ko sosiyeti yanditse mu gitabo cy'ubucuruzi "registre de commerce" kandi kigaragaza ko icyo kigo cyemerewe gukora umurimo wo gutwara abantu;
8. Umushinga w'ubucuruzi (business plan) w'igihe kitari munsi y'imyaka itanu (5)

9. Kugaragaza aho imodoka zihagarara (parking)
10. Inyemezabwishyu y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw) yo kwiyandikisha bwa mbere (registration fees) yishyurwa inshuro imwe kuri konti yavuzwe mu ngingo ya 5 y'aya mabwiriza;
11. Inyemezabwishyu y'amafaranga (300.000frw) y'uruhushya yishyurwa kuri konti yavuzwe haruguru mu gihe yemerewe uruhushya;

<u>Ingingo ya 11</u>: Ibisabwa mu kongera uruhushya rw'Ikigo gitwara abantu mu buryo rusange

Ikigo cyifuza kongererwa uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange kigomba gushyikiriza Ikigo Ngenzuramikorere ibaruwa yandikiwe Umuyobozi Mukuru ibisaba iherekejwe n'ibi bikurikira:

1. Kugaragaza ubushobozi bwite bwo gukomeza gukora umurimo wo gutwara abantu bushingiye ku mubare w'ibinyabiziga mu buryo bukurikira:

Ubwoko bw'ibinyabiziga	Umubare
Bisi nini	3
Bisi nto	6
Imodoka nto (taxi cabs/taxi voiture)	7
Pick-up	7
Jeep	7
Ubwoko buvanze	7

2. Ubwishingizi bwo gutwara abantu bishyura ku binyabiziga bizakoreshwa ;
3. Indangamimerere z'ibinyabiziga (carte jaune) zanditse mu mazina y'Ikigo cyangwa abanyamuryango bayo ;
4. Icyemezo kigaragaza ko ibinyabiziga ari bizima (certificat de controle technique)
5. Icyemezo kigaragaza ko sosiyeti yanditse mu gitabo cy'ubucuruzi "registre commerce" kandi kigaragaza ko icyo kigo cyemerewe gukora umurimo wo gutwara abantu;
6. Raporo y'ishyira mu bikorwa y'umushinga w' ubucuruzi
7. Kugaragaza aho imodoka zihagarara (parking)
8. Inyemezabwishyu y'amafaranga (300.000frw) y'uruhushya yishyurwa kuri konti yavuzwe haruguru mu gihe yemerewe uruhushya;
9. Kuba yaratanze raporo y'ibikorwa mu myaka yombi irangiye.
10. Kuba yarishyuye umusanzu wa 1% ku byacurujwe ku mwaka ahabwa Ikigo Ngenzuramikorere buri mwaka kugira ngo kigere ku nshingano zacyo.

<u>Ingingo ya 12</u>: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange kuri sosiyete y'inyamahanga

Sosiyete y'inyamahanga ifite biro mu Rwanda yifuza uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange igomba gushyikiriza Ikigo Ngenzuramikorere:

Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi Mukuru ibisaba iherekejwe n'ibi bikurikira:

1. Urupapuro rusaba rwujujwe neza n'uhagarariye iyo sosiyete mu Rwanda;
2. Indangamimerere z'ibinyabiziga (carte jaune) zanditse mu mazina y'usaba;
3. Ubwishingizi bwo gutwara abantu bishyura ku binyabiziga byose;
4. Icyemezo kigaragaza ko ibinyabiziga ari bizima (certificat de contrôle technique)
5. Icyemezo kigaragaza ko sosiyeti yanditse mu gitabo cy'ubucuruzi "registre de commerce" cy'u Rwanda;
6. Inyemezabwishyu y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw) yo kwiyandikisha bwa mbere (registration fees) yishyurwa inshuro imwe kuri konti yavuzwe mu ngingo ya 5 y'aya mabwiriza;
7. Inyemezabwishyu y'amafaranga (300.000frw) y'uruhushya yishyurwa kuri konti yavuzwe haruguru mu gihe yemerewe uruhushya;
8. Kugaragaza aho ibinyabiziga biparika (parking).

Ingingo ya 13: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange ku muntu ku giti cye

Umuntu ku giti cye wifuza uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange agomba kwandikira Umuyobozi Mukuru abisaba, iyo baruwa iba iherekejwe n'ibi bikurikira:

1. Urupapuro rwabugenewe rwuzuzwa n'usaba;
2. Icyemezo kigaragaza ko ikinyabiziga ari kizima;
3. Ubwishingizi bwo gutwara abantu;
4. Indangamimerere y'ikinyabiziga (carte jaune) yanditse mu mazina y'usaba;
5. Inyemezabwishyu y'amafaranga yo kwiyandikisha atangwa rimwe gusa angana n'ibihumbi mirongo itanu (50.000 Frw) kuri buri modoka ;
6. Inyemezabwishyu y'amafaranga y'uruhushya yishyurwa mu buryo bukurikira:

Ubwoko bw'ibinyabiziga	Amafaranga y'uruhushya
Imodoka nto (taxi cabs/taxi voiture)	10,000 Rwf
Pick-up	15,000 Rwf
Jeep	15,000 Rwf
Bisi nto (mini-bus)	20,000 Rwf
Bisi itarengeje imyanya 29	30,000 Rwf
Bisi ifite imyanya iri hagati ya 29 na 60	40,000 Rwf
Bisi ifite imyanya iri hejuru ya 60	50,000 Rwf

Ingingo ya 14: Kongera uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange ku muntu ku giti cye

Umuntu ku giti cye wifuza kongeresha uruhushya rwo gutwara abantu mu buryo rusange agomba kwandikira Umuyobozi Mukuru abisaba, iyo baruwa iba iherekejwe n'ibi bikurikira:

1. Icyemezo kigaragaza ko ikinyabiziga ari kizima;
2. Ubwishingizi bwo gutwara abantu;
3. Indangamimerere y'ikinyabiziga (carte jaune) yanditse mu mazina y'usaba;
4. Inyemezabwishyu y'amafaranga y'uruhushya yishyurwa mu buryo bukurikira:

Ubwoko bw'ibinyabiziga	Amafaranga y'uruhushya
Imodoka nto (taxi cabs/taxi voiture)	10,000 Rwf
Pick-up	15,000 Rwf
Jeep	15,000 Rwf
Bisi nto (mini-bus)	20,000 Rwf
Bisi itarengeje imyanya 29	30,000 Rwf
Bisi ifite imyanya iri hagati ya 29 na 60	40,000 Rwf
Bisi ifite imyanya iri hejuru ya 60	50,000 Rwf

5. Kuba yarishyuye umusanzu wa 1% ku byacurujwe ku mwaka ahabwa Ikigo Ngenzuramikorere buri mwaka kugira ngo kigere ku nshingano zacyo mu buryo bukurikira:

Ubwoko bw'ibinyabiziga	1% ry'ibyacurujwe ku mwaka
Imodoka nto (taxi cabs/taxi voiture)	22,050 Rwf
Pick-up	76,800 Rwf
Jeep	76,800 Rwf
Minibus y'imyanya 14	42,000 Rwf
Minibus y'imyanya 18	51,000 Rwf
Coaster imyanya 26	75,000 Rwf
Coaster y'imyanya 29	84,000 Rwf
Coaster y'imyanya 33	96,000 Rwf
Coaster y'imyanya 34	99,000 Rwf
Coaster y'imyanya 46	135,000 Rwf
Bus y'imyanya 51	150,000 Rwf
Bus y'imyanya 80	237,000 Rwf

Ku mabisi arengeje imyanya mirongo inani (80) hafatwa umubare w'imyanya yishyurirwa gukuba amafaranga ibihumbi bitatu (3.000)
Icyiciro cya kabiri: Ibisabwa mu kubona uruhushya ku batwara abantu mu modoka mu buryo bwihariye (special transport)

Ingingo ya 15: Ibisabwa Ikigo cyifuza uruhushya rwo gutwara abantu ku buryo bwihariye

Ikigo cyifuza uruhushya rwo gutwara abantu ku buryo bwihariye kigomba kuzuza ibisabwa mu ngingo ya 10 kuva ku gace ka 1) kugeza ku ka 11)

Ingingo ya 16: Ibisabwa umuntu ukora ku giti cye wifuza uruhushya rwo gutwara abantu ku buryo bwihariye

Umuntu ukora ku giti cye wifuza uruhushya rwo gutwara abantu ku buryo bwihariye agomba kuzuza ibisabwa mu ngingo ya 13 y'aya mabwiriza.

Ingingo ya 17: Imiterere y'amabara aranga ibinyabiziga bikora umurimo wo gutwara abantu

Imodoka zikora umurimo wo gutwara abantu zigomba kuba zifite amabara akurikira:

(1) Kuri za taxi voiture: Buri kinyabiziga kigomba kuba giteye ibara ry'umweru n'akabara k'umuhondo muri buri rubavu, kikagira itara ry'umuhondo hejuru ryanditsemo taxi, n'ikirango ku matako yombi cya sosiyeti cyangwa koperative.

(2) Kuri Bus z'abikorera ku giti cyabo mu mujyi wa Kigali: Zigomba kugira ibara ry'umuhondo mu mbavu, ryanditsemo amagambo town service, naho izikora muri ubwo buryo zijya hanze y'Umujyi wa Kigali zigira ibara ry'icyatsi kibisi mu mbavu ritanditsemo amagambo.

(3) Imodoka z'ibigo bifite amabisi manini n'amato zigira ikirango cyanditsemo izina ry'Ikigo n'ikirango ku kirahuri cy'imbere hejuru.

Icyiciro 3: Ibisabwa mu kubona uruhushya rwo gutwara abantu hakoreshejwe Moto

Ingingo ya 18: Ibisabwa ibigo bitwara abantu kuri Moto

Ikigo cyifuza gukora umurimo wo gutwara abantu gikoresheje Moto cyifuza uruhushya kigomba gushyikiriza Ikigo Ngenzuramikorere ibaruwa yandikiwe Umuyobozi Mukuru iherekejwe n'ibi bikurikira:

1. Urupapuro rwujujwe neza n'Umuyobozi w'Ikigo gisaba uruhushya;
2. Kugaragaza ubushobozi bwite: mbere yo gutangira gukora umurimo wo gutwara abantu ikigo kigomba kuba gifite nibura Moto (10);
3. Indangamimerere ya moto yanditse mu mazina y'abanyamuryango cyangwa y'Ikigo;
4. Ubwishingizi bwo gutwara abantu bishyura;
5. Amategeko shingiro iyo ari koperative;
6. Icyemezo kigaragaza ko sosiyeti yanditse mu gitabo cy'ubucuruzi "registre de commerce";
7. Umushinga w'ibikorwa (business plan) w'igihe kitari munsi y'imyaka itanu (5);
8. Kugaragaza aho ibinyabiziga bihagarara (parking);
9. Inyemezabwishyu y'amafaranga ibihumbi makumyabiri (20,000 Frw) yo kwiyandikisha bwa mbere yishyurwa rimwe gusa.
10. Inyemezabwishyu y'amafaranga y'uruhushya angana n'ibihumbi mirongo itatu (30.000fw) yishyurwa buri mwaka.

Uwashyikirije Ikigo Ngenzuramikorereho ibisabwa, ahabwa igisubizo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye igihe yujurije ibisabwa.

Ingingo ya 19: Ibisabwa mu kongera uruhushya rwo gutwara abantu kuri Moto mu buryo bw'ibigo

Ikigo gikora umurimo wo gutwara abantu kuri Moto cyifuza kongera uruhushya kigomba kugaragaza ibi bikurikira:

1. Ubwishingizi bwo gutwara abantu;

2. Inyemezabwishyu y'amafaranga y'uruhushya avugwa mu ngingo ya 18 agace (10);
3. Indangamimerere y'ikinyabiziga (carte jaune) yanditse mu mazina y'abanyamuryango cyangwa y'ikigo;
4. Kuba yarishyuye 1% ry'ibyacurujwe

Ikigo Ngenzuramikorere gishobora kutongera uruhushya iyo gifite ibimenyetso bidashidikanywaho by'uko mu gihe gishize usaba uruhushya atatunganyije inshingano ze uko bikwiye.

Ingingo ya 20: Ibisabwa mu guhabwa uruhushya rwo gutwara abantu kuri moto ku bakora ku giti cyabo

Umuntu wese wifuza gukora umurimo wo gutwara abantu kuri moto wifuza uruhushya agomba kugaragaza ibi bikurikira:

1. Kubanza kuzuza urupapuro rwabugenewe rwuzuzwa n'usaba;
2. Ubwishingizi bwo gutwara abantu;
3. Indangamimerere y'ikinyabiziga (carte jaune) igaragaza ko kiri mu izina ry'usaba;
4. Inyemeza-bwishyu y'amafaranga yo kwiyandikisha atangwa rimwe angana n'ibihumbi makumyabiri (20.000 Frw) ;
5. Inyemeza – bwishyu y'amafaranga y'uruhushya ingana n'ibihumbi bitanu (5.000).

Ingingo ya 21: Ibisabwa mu kongera uruhushya rwo gutwara abantu kuri moto ku bantu bakora ku giti cyabo

Ukora ku giti cye umurimo wo gutwara abantu ku ipikipiki wifuza kongera uruhushya agomba kugaragaza ibi bikurikira:

1. Ubwishingizi bwo gutwara abantu;
2. Indangamimerere y'ikinyabiziga (carte jaune) igaragaza ko kiri mu izina ry'usaba;
3. Inyemezabwishyu y'amafaranga y'uruhushya avugwa ngingo ya 20 agace kayo ka (5);
4. Kuba yarishyuye umusanzu wa 1% ku byacurujwe ku mwaka ahabwa Ikigo Ngenzuramikorere buri mwaka kugira ngo kigere ku nshingano zacyo mu buryo bukurikira:

Ubwoko bwa moto	**1% y'ibyacurujwe ku mwaka**
Moto nini	18,000 Frw
Moto ntoya(velomoteur)	9,000 Frw

Icyiciro cya 4: Uruhushya rumara igihe gito

Ingingo ya 22: Ibisabwa mu guhabwa uruhushya rw'igihe gito

Ibisabwa ku ruhushya rw'igihe cy'imyaka 2 cyangwa umwaka umwe ni byo bisabwa ku ruhushya rumara igihe gito.

Mu mpamvu zituma hatangwa uruhushya rw'igihe gito, harimo kuba ushaka gutwara abantu yaba agerageza uwo murimo, ashobora kuba azawukora igihe gito n'ibindi bishobora gusuzumwa n'Ikigo Ngenzuramikorere.

Ingingo ya 23: Ikodeshwa ry'ibinyabiziga by'abakora mu buryo bw'ibigo

Ikodeshwa ry'ibinyabiziga hagati y'ukora umurimo wo gutwara abantu n'undi muntu wese rigira agaciro iyo hari amasezerano yanditse ataziguye kandi yemejwe na Noteri.

Ayo masezerano y'ubukode ntagomba kujya munsi y'igihe uruhushya rumara.

Mbere y'uko 'ubukode bw'umwaka burangira, iyo nyiri kinyabiziga yifuje kugisubirana, Koperative kibimenyesha ako kanya Ikigo Ngenzuramikorere ndetse n'igisubizo yaboneye icyo kibazo mu rwego rwo kurengera abafatabuguzi.

Ibinyabiziga bikodeshwa bigomba kugaragara ku mugerereka w'urutonde ruherekeza uruhushya.

UMUTWE WA 3: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'ABAKORA UMURIMO WO GUTWARA ABANTU

Ingingo ya 24: Ibyo abakora umurimo wo gutwara abantu bagomba kubahiriza

1. Buri wese ukora umurimo wo gutwara abantu agomba kubahiriza ibiciro bigenwa n'Ikigo Ngenzuramikorere ;
2. Kumanika ibiciro byemejwe n'Ikigo Ngenzuramikorere ahantu hagaragarira abagenzi n'undi wese ubyifuza;
3. Kubahiriza inzira yanditse ku ruhushya rutangwa n'Ikigo Ngenzuramikorere ;
4. Kutavanga abantu n'imizigo mu kinyabiziga kimwe; umuzigo umugenzi yemerewe gutwara ni umuzigo utabangamiye imyicarire y'abagenzi mu modoka.
5. Kugenzura ko abatwara ibinyabiziga bikora umurimo wo gutwara abantu bubahiriza amabwiriza abagenga ;
6. Ikigo cyangwa Koperative kigomba kugira ikirango cyihariye;
7. Kutagira imyitwarire ibangamiye irushanwa;
8. Gutanga raporo y'imikoreshereze n'imyinjirize y'umutungo (financial report) bitarenze tariki ya 31 werurwe ya buri mwaka ku bakora ku buryo bw'ibigo;
9. Kwishyura bitarenze tariki ya 30 Kamena ya buri mwaka umusanzu ungana na 1% ry'ibyacurujwe riteganywa n'Iteka rya Minisitiri n^0 4/DC/04 ryo ku wa 07/06/2004;
10. Gutwara neza abagenzi no kubageza aho bajya no kubahiriza amasaha y'urugendo;
11. Kumenyesha ko adakorera ku murongo yahawe n'Ikigo Ngenzuramikorere mu gihe habaye impamvu zituma awureka;
12. Kugira igitabo cyandikwamo abagenzi amasaha n'uburyo ingendo zakozwe kigaragarizwa umukozi ubushinzwe iyo bibaye ngombwa.
13. Gutanga raporo y'ibyakozwe mu mwaka, raporo y'igihembwe ijyanye n'abagenzi n'ingendo zwakozwe

Ingingo ya 25: Igihe uruhushya rubuze cyangwa rwangiritse

Iyo uruhushya rw'ukora umurimo wo gutwara abantu rutakaye, rwangiritse, rwibwe cyangwa se hari indi mpamvu iyo ari yo yose ituma rutakibonetse, nyiri uruhushya abimenyesha Ikigo Ngenzuramikorere mu gihe kitarenze iminsi ine (4).
Iyo Ikigo Ngenzuramikorere gisuzumye kigasanga ibyo nyiri uruhushya yatangaje ari byo kimuha duplicata amaze gutanga amafaranga angana na kimwe cya kabiri cy'asabwa ku ruhushya rw'umwimerere.

Iyo uruhushya rwabuze rubonetse nyuma y'uko duplicata itanzwe, nyirarwo asubiza uruhushya rw'umwimerere Ikigo Ngenzuramikorere ariko ntasubizwa amafaranga yatanzwe.

Ingingo ya 26: Impamvu zituma umuntu yamburwa uruhushya

Ukora umurimo wo gutwara abantu ashobora kwamburwa uruhushya kubera impamvu zikurikira:

1. Kuba yarahamijwe n'inkiko igihombo ku buryo budasubirwaho;
2. Kuba yarambuwe uruhushya by'agateganyo ntagaruke mu murimo kandi atatanze impamvu kugira ngo zisuzumwe kandi zemezwe n'Ikigo Ngenzuramikorere;
3. Kuba yarakoze ikosa rikomeye mu murimo wo gutwara abantu ryasuzumwe kandi rikemezwa n'Ikigo Ngenzuramikorere.

Ingingo ya 27: Uburyo bwo kwambura uruhushya rwo gutwara abantu

Iyo uwahawe uruhushya bwo gukora atubahirije inshingano ze mu gukora umurimo yiyemejeje gukora, Ikigo Ngenzuramikiorere kimwandikira kimumenyesha ikosa yakoze.

Iyo amaze kumenyeshwa ikosa yandikira Umuyobozi w'Ikigo Ngenzuramikorere mu gihe cy'iminsi 7 uhereye ku itariki yabimenyesherejweho agaragaza imiterere y'ikosa n'uburyo ateganya kurikosora

Iyo muri icyo gihe atagaragaje uburyo azakosora ikosa cyangwa adatanze ibisobanuro binyuze Ikigo Ngenzuramikorere, ashobora gufatirwa icyemezo cyo guhagarikwa cyangwa kwamburwa uruhushya.

Ingingo ya 28: Itariki ntarengwa yo kongeresha uruhushya

Uwifuza kongeresha uruhushya rwo gutwara abantu abikora mbere y'iminsi irindwi y'agaciro k'urwo ruhushya.

Ingingo ya 29: Guhagarika umurimo wo gutwara abantu

Uwifuza guhagarika umurimo wo gutwara abantu yandikira Ikigo Ngenzuramikorere akimenyesha impamvu aretse uwo murimo.

Uwemerewe guhagarika umurimo wo gutwara abantu agomba kwishyura umusanzu wa 1% ubarwa hakurikijwe amezi yakoze.

Ingingo ya 30: Gusaba uruhushya rwo gutwara abantu nyuma yo guhagarika uwo murimo

Buri muntu wifuza kongera gukora umurimo wo gutwara abantu, agomba kubisaba yuzuza ibivugwa mu ngingo zavuzwe haruguru zirebana n'ibisabwa ushaka uruhushya rwo gukora umurimo wo gutwara abantu, hakurikijwe ikinyabiziga azakoresha n'uburyo uwo murimo azawukoramo.

Umuntu wambuwe n'Ikigo Ngenzuramikorere uruhushya rwo gukora umurimo wo gutwara abantu, ntashobora kongera kuruhabwa keretse urusaba agaragaje ko impamvu yatumye arwamburwa itagihari.

Ingingo ya 31: Kujuririra icyemezo cy'Ikigo Ngenzuramikorere

Utishimiye icyemezo cyafashwe n'Ikigo Ngenzuramikorere mu ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza agenga abakora umurimo wo gutwara abantu ashobora kukijuririra inkiko zibifitiye ububasha.

Ingingo ya 32: Ibikorwa binyuranye n'aya mabwiriza

Ibikorwa bikurikira binyuranyije n'aya mabwiriza:
1. Gukora umurimo wo gutwara abantu udafite uruhushya;
2. Kutubahiriza inzira n'ingengabihe yatangiwe uruhushya;
3. Guha Ikigo Ngenzuramikorere amakuru, inyandiko cyangwa ibisobanuro bitari ukuri;
4. Kutereka umukozi ubishinzwe uruhushya yahawe hakurikijwe aya mabwiriza;
5. Kudashyira mu bikorwa ibyo usabwa bijyanye n'ibiteganywa n'aya mabwiriza;
6. Guhindura inzira utabiherewe urundi ruhushya;
7. Kubangamira cyangwa kubuza umukozi w'Ikigo Ngenzuramikorere mu gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'aya mabwiriza;
8. Gukora cyangwa gutunga icyangombwa gisa n'uruhushya rwo gutwara abantu ugamije gutera urujijo mu bijyanye n'amakuru akenewe mu ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza;
9. Kudashyira mu bikorwa ibiteganywa n'aya mabwiriza;
10. Gukoresha uruhushya mpimbano.

UMUTWE WA 4: ISHYIRWAHO RY'IBICIRO MU GUTWARA ABANTU

Ingingo ya 33: Ishyirwaho ry'ibiciro mu gutwara abagenzi

Inama Ngenzuramikorere, niyo ishyiraho ibiciro ngenderwaho mu gutwara abagenzi mu Rwanda. Mbere y'uko ibyo biciro bishyirwaho bigomba kuba byaraganiriwe n'izindi nzego harimo n'abakora umurimo wo gutwara abantu n'abahagarariye abafatabuguzi.

Iyo ibiciro byamaze gutanganzwa n'Inama Ngenzuramikorere, ntawemerewe kubihindura.

Ingingo ya 34: Ibihano

Buri muntu, cyangwa Ikigo gikora umurimo wo gutwara abantu kigomba kubahiriza ibikubiye muri aya mabwiriza.

Kutubahiriza aya mabwiriza bihanishwa :
1. Ihazabu igaragara ku mugereka w'aya mabwiriza;

2. Kwamburwa uruhushya rwo gutwara abantu by'agateganyo mu gihe kitarengeje amezi atatu;
3. Kwamburwa uruhushya rwo gukora burundu igihe byagaragaye ko uwo muntu cyangwa Ikigo cyakoze amakosa akomeye.

Ibihano biteganywa muri iyi ngingo, ntibibuza ibihano biteganywa mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda cyangwa ibindi bihano biteganywa n'andi mategeko akurikizwa mu itwara ry'abantu.

UMUTWE WA 5: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 35: Ivanwaho

Ingingo z'ibyemezo zibanziriza aya mabwiriza kandi zinyuranye nayo cyane cyane ingingo zose z'icyemezo n° 16/TR-RURA/2008 cyo kuwa 17/12/2008 kigena imikorere y'abakora umurimo wo gutwara abantu mu Rwanda zivanyweho.

Ingingo ya 36: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku itariki yashyiriweho umukono na Perezida w'Inama Ngenzuramikorere.

Bikorewe i Kigali ku wa ....26...../ .....10../ .....2011.....

KAZIGE Eugène

PEREZIDA W'INAMA NGENZURAMIKORERE

UMUGEREKA WA MBERE : IMITERERE Y'IBYAHA N'IBIHANO BYABYO KU BAKORA UMWUGA WO GUTWARA ABANTU KU GITI CYABO

No	Icyaha	Amande /umuntu ku giti cye ukoresha					
		Veromoteri	Ipikipiki	Tagisi vatire	Bisi itarengeje imyanya 32	Bisi irengeje imyanya 32	Pick-up na Jipi
1.	Gukora nta ruhushya	20.000 Frw	25.000 Frw	40.000 Frw	80.000 Frw	100.000 Frw	40.000 Frw
2.	Gukoresha uruhushya rwacyuye igihe	3.000 Frw	5.000 Frw	10.000 Frw	20.000 Frw	30.000 Frw	10.000 Frw
3.	Kwiha inzira (cyangwa zone) nyabagendwa cyangwa akivana mu nzira nyabagendwa yahawe (cyangwa zone) atabimenyesheje Ikigo Ngenzuramikorere (RURA)	3.000 Frw	5.000 Frw	20.000 Frw	30.000 Frw	40.000 Frw	20.000 Frw
4.	Guta abagenzi mu nzira	3.000 Frw	5.000 Frw	20.000 Frw	30.000 Frw	40.000 Frw	20.000 Frw
5.	Kutagaragaza ibiciro byemejwe n'Inama Ngenzuramikorere	3000 Frw	5.000 Frw	10.000 Frw	20.000 Frw	20.000 Frw	20.000Frw
6.	Guha ikigo Ngenzuramikorere amakuru, inyandiko cyangwa ibisobanuro bitari ukuri	20.000 Frw	25.000 Frw	40.000 Frw	80.000 Frw	100.000 Frw	40.000 Frw
7.	Kutereka umukozi ubishinzwe uruhushya rwatanzwe hakurikijwe aya mabwiriza	20.000 Frw	25.000 Frw	40.000 Frw	80.000 Frw	100.000 Frw	40.000 Frw
8.	Kubangamira cyangwa Kubuza umukozi w'Ikigo Ngenzuramikorere mu gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'aya mabwiriza	20.000 Frw	25.000 Frw	40.000 Frw	80.000 Frw	100.000 Frw	40.000 Frw

No	Icyaha	Amande /umuntu ku giti cye ukoresha					
		Veromoteri	**Ipikipiki**	**Tagisi vatire**	**Bisi itarengeje imyanya 32**	**Bisi irengeje imyanya 32**	**Pick-up na Jipi**
9.	Gukora cyangwa gutunga icyangombwa gisa n'uruhushya rwo gutwara abantu ugamije gutera urujijo mu bijyanye n'amakuru akenewe mu bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza;	**20.000 Frw**	**25.000 Frw**	**40.000 Frw**	**80.000 Frw**	**100.000 Frw**	**40.000 Frw**
10.	Igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe hagamijwe guhunga no kutishyura imisanzu	**5.000 Frw**	**10.000 Frw**	**15.000 Frw**	**30.000 Frw**	**40.000 Frw**	**30.000 Frw**
11.	Kutubahiriza ibiciro byemejwe n'Inama Ngenzuramikorere	**3.000 Frw**	**5.000 Frw**	**10.000 Frw**	**10.000 Frw**	**20.000 Frw**	**20.000Frw**
12.	Gufata abantu aho bitemewe	**3.000 Frw**	**5.000 Frw**	**20.000 Frw**	**30.000 Frw**	**40.000 Frw**	**20.000Frw**

BIBONYWE KUGIRA NGO BISHYIRWE KU MUGEREKA W'AMABWIRIZA NO005/TRANS-RURA/2011 YO KUWA 26/08/2011 AGENA IMIKORERE Y'UMURIMO WO GUTWARA ABANTU KU BUTAKA BW'U RWANDA

Kigali kuwa ....26...../ .....10..../ .....2011.....

Eugène KAZIGE
Perezida w'Inama Ngenzuramikorere

UMUGEREKA WA KABIRI : IMITERERE Y'IBYAHA N'IBIHANO BYABYO KU BAKORA UMWUGA WO GUTWARA ABANTU MU BURYO BW'IBIGO

No	Icyaha	Amande / kubakoresha				
		Veromoteri	Ipikipiki	Pick-up na Jeep	Tagisi vatiri	Bisi
1.	Gukora nta ruhushya	130.000 Frw	150.000 Frw	200.000 Frw	200.000 Frw	250.000 Frw
2.	Gukoresha uruhushya rwacyuye igihe	30.000 Frw	50.000 Frw	100.000 Frw	100.000 Frw	200.000 Frw
3.	Kutubahiriza ibiciro byemejwe n'Inama Ngenzuramikorere	30.000 Frw	50.000 Frw	100.000 Frw	100.000 Frw	200.000 Frw
4.	Kwiha inzira nyabagendwa cyangwa kwivana mu nzira nyabagendwa yahawe (cyangwa zone) atabimenyesheje Ikigo Ngenzuramikorere	30.000 Frw	50.000 Frw	100.000Frw	100.000Frw	200.000 Frw
5	Guta abagenzi mu nzira	30.000 Frw	50.000 Frw	100.000 Frw	100.000 Frw	200.000 Frw
6.	Kutagaragaza ibiciro byemejwe n'Inama Ngenzuramikorere	30.000 Frw	50.000 Frw	100.000 Frw	100.000 Frw	100.000 Frw
7.	Kutubahiriza amasaha y'ingendo yashyikirijwe Ikigo Ngenzuramikorere	30.000 Frw	50.000 Frw	100.000 Frw	100.000 Frw	200.000 Frw
8.	Guha ikigo Ngenzuramikorere amakuru, inyandiko cyangwa ibisobanuro bitari ukuri	130.000 Frw	150.000 Frw	200.000 Frw	200.000 Frw	250.000 Frw
9.	Kutereka umukozi ubishinzwe uruhushya rwatanzwe hakurikijwe aya mabwiriza	130.000 Frw	150.000 Frw	200.000 Frw	200.000 Frw	250.000 Frw

No	Icyaha	Amande / kubakoresha				
		Veromoteri	**Ipikipiki**	**Pick-up na Jeep**	**Tagisi vatiri**	**Bisi**
10.	Kubangamira cyangwa kubuza umukozi w'Ikigo Ngenzuramikorere mu gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'aya mabwiriza;	**130.000 Frw**	**150.000 Frw**	**200.000Frw**	**200.000Frw**	**250.000 Frw**
11.	Gukora cyangwa gutunga icyangombwa gisa n'uruhushya rwo gutwara abantu ugamije gutera urujijo mu bijyanye n'amakuru akenewe mu bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza	**130.000 Frw**	**150.000 Frw**	**200.000Frw**	**200.000Frw**	**250.000 Frw**
12.	Igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe hagamijwe guhunga no kutishyura imisanzu	**30.000 Frw**	**50.000 Frw**	**100.000 Frw**	**100.000 Frw**	**200.000 Frw**
13.	Gufata abantu aho bitemewe	**30.000 Frw**	**50.000Frw**	**100.000 Frw**	**100.000Frw**	**200.000 Frw**

BIBONYWE KUGIRA NGO BISHYIRWE KU MUGERECA W'AMABWIRIZA Nº 005/TRANS-RURA/2011 YO KUWA 26/08/2011 AGENA IMIKORERE Y'UMURIMO WO GUTWARA ABANTU KU BUTAKA BW'U RWANDA

Kigali kuwa 26/ ....10...../ .....2011.....

Eugène KAZIGE
Perezida w'Inama Ngenzuramikorere